

# Abashinzwe kwandika abana bitegura kwiga mu kiburamwaka / amashuri y'incuke - 1/3

Uko umwana wawe yegereza vuba imyaka yo kujya ku ishuri, ushabora kuba wibaza niba afite ubumenyi buhagije kugira ngo azitware neza muri iki kigero cy'ubwana bwe usanga ari gishya kandi kigoye. Kugira ngo dufashe umwana wawe kwinjira muri iki kigero, Gahunda ya Leta ya Pennsylvania ishinzwe uburezi bw'abimukira (Pennsylvania Migrant Education Program) yaguteguriye urutonde rukurikira rw'emyifatire uturere dufite ibigo by'amashuri n'amashuri y'ikiburamwaka muri iyi Leta bikunze kwibandwaho mu rwego rwo kumenya niba umwana ashobora kubona ubumenyi bwo mu ishuri bukenewe mu myigire ye. Gukorana n'umwana wawe mu rugo bimufasha gutangira ishuri neza kandi yishimye. Ikitonderwa: umwana wese wujuje imyaka yagenwe yo gutangira amashuri y'incuke mu gace mutuyemo aba yemerewe kwiga mu ishuri ry'incuke. Nta na rimwe iyi nyandiko igomba kwifashishwa mu kuvutsa umwana wujuje imyaka isabwa amahirwe yo kwiga mu ishuri ry'incuke.

<b>Yego</b>	<b>Ntarabishobora</b>	<b>#</b>	<b>Imikurire mu by'imibanire n'imitekerereze</b>	<b>Ingero zemeza</b>
		1	Ese umwana wawe yakira neza gutandukanya na nyina na se?	Umwana yemera gutandukana n'ababyeyi nta kibazo kandi yishimye.
		2	Ese umwana wawe azi amazina ya buri wese uba mu rugo?	Umwana avuga ababa mu rugo bose mu mazina yabo kandi akavuga icyo azi kuri buri wese.
		3	Ese umwana wawe yikemurira amakimbirane yoroheje?	Umwana yikemurira amakimbirane, ari na ko atekereza ku byo we n'abandi bakeneye kandi bifusa.
		4	Ese umwana wawe asobanukiwe amategeko n'ingaruka zayo?	Umwana azi amategeko kandi arayakurikiza ndetse ashobora no gusobanura impamvu yo kugira ayo mategeko.

<b>Yego</b>	<b>Ntarabishobora</b>	<b>#</b>	<b>Ubumenyi bw'indimi no gusoma no kwandika</b>	<b>Ingero zemeza</b>
		1	Ese umwana wawe azi amazina ye n'imyaka afite?	Umwana avuga amazina ye akanerekana intoki zingana n'imyaka ye.
		2	Ese umwana wawe ashobora gutandukanya inyuguti n'imbare?	Umwana amenyaakanavuga inyuguti n'imbare imwe n'imwe.
		3	Ese umwana wawe ashobora gutunga urutoki akerekana igifuniko k'imbere n'inyuma ndetse n'umutwe w'igitabo?	Umwana ashobora kwerekana ibice byose uko ari bitatu.
		4	Ese umwana wawe ashobora gusubiramo inkuru uko ikurikirana?	Umwana abara inkuru yerekeye amashusho n'ibikorwa uko bikurikirana neza.
		5	Ese umwana wawe ashobora kwandika amazina mu cyapaakoreshsheje amashusho ameze nk'inyuguti cyangwa inyuguti z'icyapa zemewe?	Umwana ashobora kwandika izina ry'idini rye bwite, inyuguti hafi ya zose ari zo.
		6	Ese umwana wawe akurikira neza iyo ahawé ibyerekezo bibiri?	Umwana akurikiza ibyerekezo akanasobanukirwa ikigamijwe.
		7	Ese umwana wawe asangiza abandi ibimwerekeyeho iyo abisabwe?	Umwana avuga ku myumvire, amarangamutima n'ibitekerezo bye bwite.
		8	Ese iyo umwana wawe avugaakoresha interuro zuzuye?	Umwana ashobora kuganira mu Cyongerezaakoreshsheje interuro zuzuye.

# Abashinzwe kwandika abana bitegura kwiga mu kiburamwaka / amashuri y'incuke - 2/3

<b>Yego</b>	<b>Ntarabishobora</b>	<b>#</b>	<b>Gutekereza no kuvuga imibare</b>	<b>Ingero zemeza</b>
		1	Ese umwana wawe ashobora kubara kuva kuri 1 kugeza nibura kuri 20?	Umwana abara kuva kuri 1 kugeza kuri 20.
		2	Ese umwana wawe ashobora kumenya nibura amashusho 4 (Urug.: Kare, uruziga, mpandeshatu, urukiramende)	Umwana ashobora kwerekana kandi akavuga amazina y'amashusho 4.
		3	Ese umwana wawe ashobora kuvuga aho ibantu bikoreshwa buri munsi biherereye?	Umwana akoresha amagambo ndangahantu (hejuru, inyuma, munsi, ahakurikira, imbere n'ibindi) cyangwa amagambo ndangamwanya (icya mbere, icya nyuma n'ibindi) mu kuvuga aho ikintu giherereye.
		4	Ese umwana wawe ashobora gutondeka, kugreranya, gushyira mu byiciro nibura ibantu 5 akurikije ubunini, ingano, ishusho cyangwa ibara?	Umwana atondeka ibantu akurikije ikibiranga kimwe. Umwana yatandukanyije ibikinisho by'inyamaswa n'imodoka.

<b>Yego</b>	<b>Ntarabishobora</b>	<b>#</b>	<b>Uburyo bukoreshwa mu kwiga binyuze mu gukina</b>	<b>Ingero zemeza</b>
		1	Ese umwana wawe ashimishwa n'inkuru, ibitekerezo n'imikoro bishya?	Ese umwana abaza ibibazo kugira ngo asobanukirwe ikintu gishya. Umwana ashaka kwiga ibantu bishya.
		2	Ese umwana wawe atega amatwi akanasubiza mu nkuru cyangwa umwitotozumara iminota irenze 15?	Umwana ashobora gukomeza gukora umukoro n'iyo uwo mukoro uezaho ugakomera.
		3	Ese umwana wawe akoresha ubwenge n'ubushakashatsi mu gukina n'ibantu?	Umwana ashobora gukina yifashishije ibantu bitandukanye abikoresha kandi abigendesha.
		4	Ese umwana wawe ashobora kwikemurira ikibazo?	Umwana agerageza gukemura ibibazo mu buryo burenze bumwe.

<b>Yego</b>	<b>Ntarabishobora</b>	<b>#</b>	<b>Ubuzima, imibereho myiza n'igihagararo</b>	<b>Ingero zemeza</b>
		1	Ese umwana wawe ashobora kumenya no kwerekana aho ibice by'umubiri biherereye?	Umwana ashobora kwerekana no kuvuga amazina y'ibice by'umubiri byinshi nta muntu umufashije.
		2	Ese umwana wawe ashobora kwikorera ibantu by'ibanze?	Umwana yatojwe kwijyana ku musarani Umwana yikarabya intoki, Umwana ariyambika, Umwana yiyoza amenyo, Umwana afite isaha aryamiraho.
		3	Ese umwana wawe ashobora kwirisha no kwinywesha akoresheje ibikoresho byabugenewe?	Umwana akoresha neza ifurusheti, ikiyiko, icyuma, seriviyete, isahani, igisuperi n'igikombe.

# **Abashinzwe kwandika abana bitegura kwiga mu kiburamwaka / amashuri y'incuke - 3/3**

<b>Yego</b>	<b>Ntarabishobora</b>	<b>#</b>	<b>Ubuzima, imibereho myiza n'igihagararo</b>	<b>Ingero zemeza</b>
		4	Ese umwana wawe yerekana/ashobora kwerekana uko umubiri ukora akinana umurava/agenda bisanzwe?	Umwana ashobora kuzamuka no kumanuka esikariye. Umwana ashobora kwiruka no gutera umupira.
		5	Ese umwana wawe ashobora kwiyambura no kwiyambika imyenda y'inyuma (ikoti, bote, ingofero, uturindantoki)? (harimo gufunga imashini, ibipesu n'imishumi).	Umwana ashobora kwiyambika no kwiyambura: amasogisi, inkweto, ipantaro, agapira, ikoti, uturindantoki n'ingofero.
		6	Ese umwana wawe akoresha/ashobora gukoresha umukasi neza uko abishatse?	Umwana aca imirongo igorotse nimirongo ihese.
		7	Ese umwana wawe yandika/ashobora kwandika no gushushanya afashe ikaramu neza?	Umwana akoresha intoki eshanu, enye cyangwa eshatu kugira ngo afate icyo yandikisha.

Umwana wange afite YEGO \_\_\_\_\_.